





# URUFATIRO RW'INGOMA Y'IMANA

Icyigisho cya 9 cyo ku wa 1 Kamena 2024





“Ikiyoka kirakarira wa mugore, kiragenda ngo kirwanye abo mu rubyaro rwe basigaye, bitondera amategeko y’Imana kandi bafite guhamya kwa Yesu”
(Ibyahishuwe 12:17)





Iyo twitegereje isi y’ahadukikije dushobora kubona ko Imana yaremye amategeko ayigenga. Urugero: amategeko agena uburyo ikinyabuzima gikura. Hariho itegeko rituma tutajugunywa mu gihe Isi izenguruka ku muvuduko mwinshi ku nzira yayo ihamye izenguruka Izuba.



Imana kandi yashyizeho Itegeko ryerekana uko tugomba kubaho, kandi rikaba rigenga uburyo abatuye iyi si ndetse n’abatuye indi mibumbe, harimo n'abamarayika, bayoborwa.

Imana yashyize iri tegeko mu biremwa byose bifite ubwenge biri mu isanzure (Abaroma 2:15). Nyamara, icyaha muri twe cyagoretse Amategeko. Kubw’ibyo, Imana ubwayo yagombye kuyatugezaho mu mvugo no mu nyandiko (Gutegeka 4:13).





- Amategeko:
  - Amategeko mu Buturo Bwera bwo mu Ijuru.
  - Amategeko ahoraho.
- Isabato:
  - Icyo Isabato isobanuye.
  - Isabato n’igihe cy’imperuka.
- Amategeko, Isabato, no kuramya.

# AMATEGEKO



# AMATEGEKO MU BUTURO BWERA BWO MU IJURU

"Urusengero rw'Imana rwo mu ijuru rurakingurwa, mu rusengero rwayo habonekamo isanduku y'isezerano ryayo" (Ibyahishuwe 11:19a)



Yohana yabonye Ubuturo Bwera bwo mu ijuru bukinguye, kandi muri bwo "habonekamo" isanduku y'isezerano (Ibyahishuwe 11:19). Ese Isanduku yo mu Buturo Bwera bwo mu ijuru yari yarahishwe kugeza icyo gihe? Ese iri yerekwa ryerekezaga ku ki?

Kugira ngo twumve iri yerekwa, tugomba kureba Ubuturo Bwera bwo ku isi, n'imihango yizihirizwagamo.

Isanduku yagumaga "ihishwe" umwaka wose, kandi yashoboraga "kuboneka" gusa ku munsi w'impongano (Abalewi 16: 2, 12–13). Kuri uwo munsi urubanza rwaracibwaga, maze ibyaha bigakurwaho burundu (Abalewi 16:30).




Iyerekwa Yohana yahawe ryerekana ko, nyuma gato y'amayerekwa yo mu gice cya 11 (ni ukuvuga igihe Bibiliya yakwirakwiraga cyane mu ntangiriro z'ikinyejana cya 19), Urubanza rwatangiye mu Ijuru.

Kimwe n'uko byari biri ku yayicureraga yo ku isi, isanduku y'isezerano irimo amategeko 10, urubanza rwacu rugenderaho. Irimo kandi intebe y'ihongerero, ikimenyetso cy'imbabazi z'Imana, aho amaraso ya Yesu atwikira ibyaha byacu (1Petero. 1:18–19; 1Yohana 2:2; Zaburi ya 85:10).


# AMATEGEKO AHORAHO

"Mwitekereza ko naje gukuraho amategeko cyangwa ibyahanuwe. Sinaje kubikuraho, ahubwo naje kubisohoza" (Matayo 5:17)



Nubwo ubu byabaye gikwīra kumva abantu bavuga ko ku musaraba Yesu yakuyeho amategeko 10, iyo ntiyari inyigisho y'abagorozi, kandi ntabwo ari byo Bibiliya yigisha.

Nubwo ari ukuri ko ku musaraba, amabwiriza n'imihango ajyanye n'Ubuturo Bwera bwo ku isi byarangije umurimo wabyo, ntabwo ari ko bimeze ku Mategeko agenga imyitwarire; (Abefeso 2:15).



Amategeko y'Imana ni ay'iteka ryose, ntagira igihe, aratunganye, kandi agenga imyitwarire ya buri kiremwa cy'Imana cyose gifite ubwenge (Zaburi ya 19:7; 119:142; Abaroma 7:7, 12, 16, 22, 25; 1Yohana 3:4).

Muby'ukuri, Amategeko ahoraho kuko agaragaza imico y'Imana ubwayo.

**Imico y'Imana**

- "Gukiranuka no guca imanza zitabera ni imfatiro z'intebe yawe" (Zaburi ya 89:14a)
- "Imbabazi n'umurava birakubanziriza." (Zaburi ya 89:14b)

**Amategeko**

- "Kuko ibyo wategetse byose ari ibyo gukiranuka" (Zaburi ya 119:172b)
- "Amategeko yawe ni ukuri" (Zaburi ya 119:142b)

# ISABATO



# ICYO ISABATO ISOBANUYE

**"Wibuke kweza umunsi w'isabato"** (Kuva 20:8)



**Itegeko rya kane risaba kubahiriza Isabato kubw'impamvu ebyiri: kuko Imana yaturemye (Kuva 20: 8–11); kandi kubera ko yaducunguye (Gutegeka 5:12–15).**

**Kuri twe, Isabato ni ikiruhuko cya buri minsi irindwi kugira ngo turamye Umuremyi wacu, dutekereze ku rukundo Rwe rwaducunguye; kandi twibuke amasezerano Ye yo kubana na We mu Irema Rishya. Tubyumvise muri ubu buryo, Isabato itubera umugisha udasanzwe uturuka ku Mana yacu.**





**Ku rundi ruhande, itwibutsa ko Imana yadukunze cyane ku buryo itadutereranye n'igihe twitandukanije na Yo. Ni ikimenyetso cyo kuruhuka, si icy'imirimo; cyo gukizwa n'ubuntu, si ukwikirisha amategeko; cy'amahoro, si icyo gucirwaho iteka; cyo kwishingikiriza ku Mana ngo idukize, aho kwishingikiriza ku mbaraga zacu bwite ngo dukizwe.**

**Mu kubahiriza Isabato, tugaragaza ubudahemuka bwacu ku Witeka, n'icyifuzo cyacu cyo kumuramya wenyine.**

# ISABATO N'IGIHE CY'IMPERUKA

" [Inyamaswa ya kabiri] Ihabwa guha icyo gishushanyo cy'inyamaswa guhumeka, ngo kivuge kandi cyicishe abatakiramya bose" (Ibyahishuwe 13:15)



**Ibyahishuwe 13 hasobanura ububasha butari bumwe bukoreshwa na Satani mu gushukira isi kurwanya Imana. Ibintu byose muri iki gice bifitanye isano no kuramya (Ibyahishuwe 13:4, 8, 12, 15).**

**Bumwe mu bubasha bwavuzwemo bufitanye isano itaziguye n'agahembe gato ko muri Daniyeli 7, kibwira guhindura ibihe n'amategeko (Ibyahishuwe 13: 5; Daniyeli 7:25 – igihe cy'amezi 42 ni kimwe n'igihe, ibihe n'igice cy'igihe).**



**Ubwo bubasha bwavanyeho itegeko rya kabiri (buramya ibishushanyo), kandi buhindura irya kane (igihe cyo kuramya), bugerageza kwimurira ukwera k'Umunsi wa Karindwi  ku Munsi wa Mbere w'icyumweru.**

**Mu bihe biheruka, buzahatira abantu kuramya "igishushanyo" binyuze mu kubuza abantu kugura no kugurisha [iyi ni imirimo ibujijwe ku Isabato] (Ibyahishuwe 13:14–17). Iki "kimenyetso cy'inyamaswa" ni ikimenyetso kitubwira abantu bazemera nk'umunsi wo kuramya, Umunsi wa Mbere w'icyumweru washyizweho n'umuntu, aho kuba Umunsi wa Karindwi washyizweho n'Imana.**




AMATEGEKO, ISABATO,
NO KURAMYA

"Avuga ijwi rirenga ati 'Nimwubahe Imana muyihimbaze, kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye, muramye Iyaremye ijuru n'isi n'inyanja n'amasōko' " (Ibyahishuwe 14:7)



Ubutumwa butatu bubwirizwa mu gihe cy'imperuka bufitanye isano no kuramya, kandi kubw'ibyo, bufitanye isano n'Isabato n'Amategeko y'Imana.

| | | |
|---|---|---|
| Ubutumwa bwa mbere | Ibyahishuwe 14:6–7 | Kwitegura urubanza (rushingiye ku Mategeko), no kuramya Umuremyi (nk'uko Isabato ibitwibutsa) |
| Ubutumwa bwa kabiri | Ibyahishuwe 14:8 | Kwitandukanya n'ububasha bw'iby'idini buramya Imana mu kinyoma |
| Ubutumwa bwa gatatu | Ibyahishuwe 14:9–11 | Guhitamo uramywa n'uburyo bwo kuramya: Imana, wubahiriza Isabato; cyangwa umwanzi, wakīra ikimenyetso cye |



Hari ibintu bibiri biranga abahagaze bashikamye mu gihe cy'imperuka: "bitondera amategeko y'Imana bakagira kwizera nk'ukwa Yesu" (Ibyahishuwe 14:12).

Kugira ngo bakomeze amategeko muri ibyo bihe bikomeye, bakeneye kwakira kwizera kwa Yesu: kutajegajega; kwimbika; gukorana umutima; kutaneshwa.

“Iyo Isabato iza kuba yarubahirijwe n’abantu bo ku isi yose, ibitekerezo by’abantu n’urukundo rwabo biba byarerekejwe ku Muremyi akaba ari we wubahwa kandi akaramywa. Ntabwo haba harabayeho umuntu usenga ibigirwamana, uhakana Imana n’utizera. Kubahiriza Isabato ni ikimenyetso cyo kuyoboka Imana nyakuri, ‘Yo yaremye ijuru n’isi n’inyanja n’amasoko y’amazi.” Igikurikiraho ni uko ubutumwa burarikira abantu kuramya Imana no gukurikiza amategeko yayo, mu buryo bw’umwihariko, buzabahamagarira gukurikiza itegeko rya kane.”

E.G. White, *Intambara Ikomeye*, igice cya 25, p. 434